

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

A. Amateka ya ba Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

N°02/Mifotra/11 ryo kuwa 07/03/2011

Iteka rya Minisitiri rishyiraho abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo.....3

N°02/Mifotra/11 of 07/03/2011

Ministerial Order appointing members of the National Labour Council.....3

N°02/Mifotra/11 du 07/03/2011

Arrêté Ministériel portant nomination des membres du Conseil National du Travail3

N° 03/Mifotra/11 ryo kuwa 07/03/2011

Iteka rya Minisitiri ryerekeye imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo no kwimenyereza akazi mu kigo.....9

N° 03/Mifotra/11 of 07/03/2011

Ministerial Order determining the nature and the form of the apprenticeship and internship contracts.....9

N° 03 /Mifotra/11 du 07/03/2011

Arrêté Ministériel déterminant la nature et la forme des contrats d'apprentissage et de stage pratique en entreprise.....9

N° 20/22 ryo kuwa 07/03/2011

Iteka rya Minisitiri rigena amabwiriza yo kwandikwa muri rejisitiri kw'abaforomokazi, abafomomo n'ababyaza22

N° 20/22 of 07/03/2011

Ministerial Order determining the regulations for registration of nurses and midwives22

N° 20/22 du 07/03/2011

Arrêté Ministériel déterminant la réglementation de l'enregistrement des infirmières, des infirmiers et des sages femmes22

N° 20/23 ryo kuwa 07/03/2011

Iteka rya Minisitiri rigena imyitwarire myiza y'abaforomokazi, abafomomo n'ababyaza.....32

N° 20/23 of 07/03/2011

Ministerial Order determining the code of professional conduct of nurses and midwives32

N° 20/23 du 07/03/2011

Arrêté Ministériel déterminant le code de conduite professionnelle des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes.....32

B. Amabwiriza/regulation/Reglement

N° 07/2011

Amabwiriza rusange yerekeye ibipimo ntarengwa by'umutungo bwite mu madovize.....	44
Regulation on foreign exchange exposure limits.....	44
Règlement relatif á la position nette de change.....	44

C. Umuryango udaharanira inyungu/Non profit making association/Association sans but lucratif

N° 050/17 ryo kuwa 30/10/2002

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango Ihuriro ry'Abakozi b'Abakristu mu Rwanda (M.T.C.R) kandi ryemera Abavugizi bawo75

N°050/17 of 30/10/2002

Ministerial Decree granting legal entity to the association “ Christian Servants’Movement in Rwanda”(MTCR) and agreeing Legal Representatives.....75

N° 050/17 du 30/10/2002

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile á l'Association Mouvement des Travailleurs Chrétiens au Rwanda (MTCR) et portant agrément de ses Représentants Légaux.....75

Amategeko Shingiro/Statuts.....78

**ITEKA RYA MINISITIRI N°02/Mifotra/11 RYO
KUWA 07/03/2011 RISHYIRAHU ABAGIZE
INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

**MINISTERIAL ORDER N°02/Mifotra/11 OF
07/03/2011 APPOINTING MEMBERS OF
THE NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**ARRETE MINISTERIEL N°02/Mifotra/11
DU 07/03/2011 PORTANT NOMINATION
DES MEMBRES DU CONSEIL NATIONAL
DU TRAVAIL**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : Ishyirwaho

Article One: Appointment

Article premier: Nomination

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije
n'iri teka**

Article 2: Repealing provision

Article 2 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°02/Mifotra/11 RYO KUWA 07/03/2011 RISHYIRAHU ABAGIZE INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO

MINISTERIAL ORDER N°02/Mifotra/11 OF 07/03/2011 APPOINTING MEMBERS OF THE NATIONAL LABOUR COUNCIL

ARRETE MINISTERIEL N°02/Mifotra/11 DU 07/03/2011 PORTANT NOMINATION DES MEMBRES DU CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

The Minister of Public Service and Labour;

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June, 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n°125/03 ryo kuwa 25/10/2010 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Umurimo cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4 n'iya 5;

Pursuant to Prime Minister's Order n° 125/03 of 25/10/2010 determining the mission, organization and functioning of the National Labour Council especially in Articles 4 and 5;

Vu l'Arrêté du Premier Ministre n° 125/03 du 25/10/2010 portant mission, organisation et fonctionnement du Conseil National du Travail spécialement en ses articles 4 et 5;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 14/05/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/05/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/05/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho

Article One: Appointment

Article premier: Nomination

Abantu bari ku mugereka w'iri teka bagize Inama y'Igihugu y'Umurimo.

Persons whose names appear on the annex of this Order are hereby appointed members of the National Labour Council.

Les personnes dont les noms se trouvent en annexe du présent arrêté sont nommées membres du Conseil National du Travail.

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing provision

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi

All prior provisions contrary to this Order are

Toutes les dispositions antérieures contraires au

Official Gazette n°15 of 11/04/2011

zinyuranyije na ryo zivanyweho.

hereby repealed.

présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera kuwa 14/05/2010.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 14/05/2010.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 14/05/2010.

Kigali, kuwa 07/0/2011

Kigali, on 07/0/2011

Kigali, le 07/0/2011

(sé)

(sé)

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

MUREKEZI Anastase
Minister of Public Service and Labour

MUREKEZI Anastase
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

(sé)

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA KU ITEKA RYA MINISITIRI
N°02/Mifotra/11 RYO KUWA 07/03/2011
RISHYIRAHU ABAGIZE INAMA Y'IGIHUGU
Y'UMURIMO**

**ANNEX TO MINISTERIAL ORDER
N°02/Mifotra/11 OF 07/03/2011
APPOINTING MEMBERS OF THE
NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL
N°02/Mifotra/11 DU 07/03/2011
PORTANT
NOMINATION DES MEMBRES DU
CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL**

ABAGIZE INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO

**MEMBERS OF THE NATIONAL LABOUR
COUNCIL**

**MEMBRES DU CONSEIL NATIONAL DU
TRAVAIL**

ABAHAGARARIYE LETA STATE REPRESENTATIVES REPRESENTANTS DE L'ETAT	IBIGO / INSTITUTIONS / INSTITUTIONS	ABAGIZE INAMA / MEMBERS / MEMBRES	ICYO BASHINZWE / POSITION / POSITION
	MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO/MINISTRY OF PUBLIC SERVICE AND LABOUR/MINISTERE DE LA FONCTION PUBLIQUE ET DU TRAVAIL	MULINDWA Samuel	Umunyamabanga Uhoraho/Permanent Secretary/Secrétaire Permanent
	URWEGO RUSHINZWE ITERAMBERE MU RWANDA / RWANDA DEVELOPMENT BOARD / OFFICE POUR LA PROMOTION DU DEVELOPPEMENT AU RWANDA	KAYOBOKE Paul	Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kongera ubushobozi bw'abantu n'ubw'inzego/Head of the Department of Human Capital and Institutional Development/Chef du capital humain et le développement institutionnel
ABAHAGARARIYE AMASHYIRAHAMWE Y'ABAKORESHA / EMPLOYERS' ORGANISATIONS REPRESENTATIVES / REPRESENTANTS DES ORGANISATIONS PROFESSIONNELLES D'EMPLOYEURS	URUGAGA RW'ABIKORERA / PRIVATE SECTOR FEDERATION / FEDERATION DU SECTEUR PRIVE	RWIGAMBA Molly	Umunyamabanga mukuru w'agateganyo/Acting Chief Executif Secretary of Private Sector Federation/ Secrétaire Exécutive a.i de la Fédération du Secteur Privé
ABAHAGARARIYE SOSIYETE SIVILI / CIVIL SOCIETY REPRESENTATIVES / REPRESENTANTS DE LA SOCIETE CIVILE	CEPR/CEJP	NGENDANDUMWE Jean Claude	Ushinzwe Porogaramu "CEPR/CEJP" / Programme Officer "CEPR/CEJP" / Chargé des programmes "CEPR / CEJP"
	AMUR	UMULISA Husna	Uhagarariye abagore / Representative of women / Representante des femmes
	ARIPES	Prof NGANGI Alphonse	Umuyobozi wa ULK / Rector ULK / Recteur ULK
	FENAPH	RUSIHA Gaston	Visi Perezida wa FENAPH /Vice President FENAPH / Vice Président FENAPH
	CLADHO	SAFARI Emmanuel	Umunyamabanga wa CLADHO / Executive Secretary CLADHO / Secrétaire Exécutive CLADHO

**BIBONYWE KUGIRA NGO BISHYIRWE
KU MUGEREKA W'ITEKA RYA
MINISITIRI N°02/Mifotra/11 RYO KUWA
07/03/2011 RISHYIRAHU ABAGIZE
INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

Kigali, kuwa 07/03/2011

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

**SEEN TO BE ANNEXED TO MINISTERIAL
ORDER N°02/Mifotra/11 OF 07/03/2011
APPOINTING MEMBERS OF THE
NATIONAL LABOUR COUNCIL**

Kigali, on 07/03/2011

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

**VU POUR ETRE ANNEXE A L'ARRETE
MINISTERIEL N°02/Mifotra/11 DU
07/03/2011 PORTANT NOMINATION DES
MEMBRES DU CONSEIL NATIONAL DU
TRAVAIL**

Kigali, le 07/03/2011

(sé)

MUREKEZI Anastase
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 03/Mifotra/11 RYO KUWA 07/03/2011 RYEREKEYE IMITERERE Y'AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO NO KWIMENYEREZA AKAZI MU KIGO

MINISTERIAL ORDER N° 03/Mifotra/11 OF 07/03/2011 DETERMINING THE NATURE AND THE FORM OF THE APPRENTICESHIP AND INTERNSHIP CONTRACTS

ARRETE MINISTERIEL N° 03 /Mifotra/11 DU 07/03/2011 DETERMINANT LA NATURE ET LA FORME DES CONTRATS D'APPRENTISSAGE ET DE STAGE PRATIQUE EN ENTREPRISE

AMASHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo

Article 2: Form of the apprenticeship contract

Article 2: Forme du contrat d'apprentissage

Ingingo ya 3: Ingufu, ubumenyi n'ubushobozi bw'uwimenyereza

Article 3: Physical or psychological abilities and knowledge of the apprentice

Article 3: Aptitudes physiques ou psychologiques et connaissances de l'apprenti

Ingingo ya 4: Igihe cy'amasezerano yo kwitoza umurimo

Article 4: Duration of Apprenticeship Contract

Article : Durée du contrat d'apprentissage

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yo kwitoza umurimo

Article 5: Content of the apprenticeship contract

Article 5: Contenu du contrat d'apprentissage

<u>UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'UTOZA N'UTOZWA UMURIMO</u>	<u>CHAPTER II: MASTER'S APPRENTICE'S OBLIGATIONS</u>	<u>AND</u>	<u>CHAPITRE II: OBLIGATIONS DU MAITRE ET DE L'APPRENTI</u>
<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano z'utoza umurimo	<u>Article 6:</u> Master's obligation		<u>Article 6:</u> Obligations du maître
<u>Ingingo ya 7 :</u> Ubushobozi bw'uwitoza umurimo	<u>Article 7:</u> Apprentice capabilities		<u>Article 7:</u> Capacité de l'apprenti
<u>Ingingo ya 8 :</u> Uko uwitoza umurimo afatwa	<u>Article 8:</u> Treatment of the apprentice		<u>Article 8:</u> Traitement de l'apprenti
<u>Ingingo ya 9:</u> Kubahiriza amasezerano yo kwitoza umurimo	<u>Article 9:</u> Compliance with the apprenticeship contract		<u>Article 9:</u> Respect du contrat d'apprentissage
<u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'uwitoza umurimo	<u>Article 10:</u> Obligations of the apprentice		<u>Article 10:</u> Obligations de l'apprenti
<u>Ingingo ya 11:</u> Igihembo cy'uwitoza umurimo	<u>Article 11:</u> Apprentice remuneration		<u>Article 11:</u> Rémunération de l'apprenti
<u>UMUTWE WA III: ISESWA N'IRANGIRA BY'AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO</u>	<u>CHAPTER III: TERMINATION AND CANCELLATION OF APPRENTICESHIP CONTRACT</u>		<u>CHAPITRE III: RESILIATION ET FIN DU CONTRAT D'APPRENTISSAGE</u>
<u>Ingingo ya 12 :</u> Iseswa ry'amasezerano nta nkomyi	<u>Article 12:</u> Lawful expiry		<u>Article 12:</u> Résiliation de plein droit
<u>Ingingo ya 13 :</u> Impamvu zo gusesa amasezerano yo kwitoza umurimo	<u>Article 13:</u> Causes of termination of the apprenticeship contract		<u>Article 13:</u> Causes de résiliation du contrat d'apprentissage
<u>Ingingo ya 14:</u> Irangira ry'amasezerano yo kwitoza umurimo	<u>Article 14:</u> Expiry of the apprenticeship contract		<u>Article 14:</u> Fin du contrat d'apprentissage
<u>Ingingo ya 15 :</u> Indishyi	<u>Article 15:</u> Indemnities		<u>Article 15 :</u> Dommages et intérêts

**UMUTWE WA IV: UBURYO BW'IGENZURA
RY'AMASEZERANO YO KWITOZA
UMURIMO**

Ingingo ya 16: Agatabo ko kwitoza umurimo

Ingingo ya 17: Isuzuma ry'uwitoza umurimo

**UMUTWE WA V: KWIMENYEREZA AKAZI
MU KIGO**

**Ingingo ya 18: Uburyo bw'imikorere ku
wimenyereza**

**Ingingo ya 19: Amategeko agenga imyitwarire
y'uwimenyereza**

Ingingo ya 20: Ibigenerwa uwimenyereza

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije
n'iri teka**

**Ingingo ya 22: Igihe iri teka ritangira
gukurikizwa**

**CHAPTER IV: CONTROL MEASURES
FOR AN APPRENTICESHIP CONTRACT**

Article 16: Apprenticeship file

Article 17: Apprentice evaluation

**CHAPTER V: PRACTICAL INTERNSHIP
IN THE ENTERPRISE**

Article 18: Working conditions for the intern

Article 19: Intern's rules of conduct

Article 20: Internship indemnities

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 21: Repealing provision

Article 22: Commencement

**CHAPITRE IV: MESURES DE
CONTRÔLE DU CONTRAT
D'APPRENTISSAGE**

Article 16: Carnet d'apprentissage

Article 17: Evaluation de l'apprenti

**CHAPTER V: STAGE PRATIQUE EN
ENTREPRISE**

**Article 18: Conditions d'exercice pour le
stagiaire**

Article 19: Règles de conduite du stagiaire

Article 20: Indemnités de stage

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 21: Disposition abrogatoire

Article 22: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°03/Mifotra/11 RYO KUWA 07/03/2011 RYEREKEYE IMITERERE Y'AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO NO KWIMENYEREZA AKAZI MU KIGO

MINISTERIAL ORDER N° 03/Mifotra/11 OF 07/03/2011 DETERMINING THE NATURE AND THE FORM OF THE APPRENTICESHIP AND INTERNSHIP CONTRACTS

ARRETE MINISTERIEL N° 03 /Mifotra/11 DU 07/03/2011 DETERMINANT LA NATURE ET LA FORME DES CONTRATS D'APPRENTISSAGE ET DE STAGE PRATIQUE EN ENTREPRISE

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

The Minister of Public Service and Labour;

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 39, iya 40, n'iya 41;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 Regulating Labour in Rwanda especially in Articles 39, 40, 41;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en ses articles 39, 40 et 41;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 29/01/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza.

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 29/01/2010.

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 29/01/2010.

ATEGETSE:

ORDERS :

ARRETE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ubwoko n'imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo no kwimenyereza akazi mu kigo.

This Order determines the nature and the form of the apprenticeship and internship contract in an enterprise.

Le présent arrêté détermine la nature et la forme des contrats d'apprentissage et du stage pratique en entreprise.

Ingingo ya 2: Imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo

Amasezerano yo kwitoza umurimo agomba gushyirwa mu nyandiko. Agomba kwandikwa muri rumwe mu ndimi zikoreshwa mu butegetsi uwimenyereza yumva.

Ingingo ya 3: Ingufu, ubumenyi n'ubushobozi bw'uwimenyereza

Iyo umwuga umwiga ashaka kwitoza ugomba ubushobozi bw'ingufu cyangwa imiterere y'umubiri cyangwa y'ubwenge yihariye, ubwo bushobozi n'iyi miterere bigomba gusobanurwa neza mu masezerano kandi bikanakorwa isuzumwa ryabigenewe.

Ingingo ya 4: Igihe cy'amasezerano yo kwitoza umurimo

Igihe cy'amasezerano yo kwitoza umurimo gishyirwaho hakurikijwe imiterere y'umwuga ariko ntigishobora kurenza imyaka ine (4).

Ku bwumvikane bw'impane zombi, igihe cyo kwitoza gishobora kongerwaho iminsi ingana n'iy'ikiruhuko cyatewe n'indwara cyangwa gusiba ku kazi uwitoza abifitiye uruhushya, iyo kirengeje iminsi cumi n'itanu (15) ku mwaka.

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yo kwitoza umurimo

Amasezerano yo kwitoza umurimo akorwa

Article 2: Form of the apprenticeship contract

An apprenticeship contract must be written. It shall be compulsorily written in one official language understood by the apprentice and accepted as an official language in the Country.

Article 3: Physical or psychological abilities and knowledge of the apprentice

When the profession for which the apprentice is designed requires particular physical or psychological abilities, these must be clearly specified in the contract and be the subject for an appropriate test.

Article 4: Duration of apprenticeship contract

The duration of apprenticeship contract shall be fixed according to the profession's uses but cannot exceed four (4) years.

After agreement between two parties, the duration of apprenticeship contract may be increased to the number of days of sick or authorized absence leaves when they exceed fifteen (15) days a year.

Article 5: Content of the apprenticeship contract

An apprenticeship contract shall be drawn taking

Article 2 : Forme du contrat d'apprentissage

Le contrat d'apprentissage doit être constaté par écrit. Il est obligatoirement rédigé dans l'une des langues officielles, comprise par l'apprenti.

Article 3: Aptitudes physiques ou psychologiques et connaissances de l'apprenti

Lorsque le métier auquel l'apprenti se destine exige des aptitudes physiques ou psychologiques particulières, celles-ci doivent être spécifiées dans le contrat et faire l'objet d'un examen approprié.

Article 4: Durée du contrat d'apprentissage

La durée du contrat d'apprentissage est fixée conformément aux usages de la profession mais ne peut excéder quatre (4) ans.

Après l'accord de deux parties, la durée de l'apprentissage peut être prolongée du nombre de jours de congé pour cause de maladie ou d'absence autorisée excédant quinze (15) jours par an.

Article 5: Contenu du contrat d'apprentissage

Le contrat d'apprentissage est établi en tenant

Official Gazette n°15 of 11/04/2011

hakurikijwe uko umurimo usanzwe uteye n'uko ukorwa. Akubiyemo by'umwihariko ibi bikurikira :	into account the profession's uses and customs. It particularly includes:	compte des usages et coutumes de la profession. Il contient en particulier :
1° amazina, itariki y'amavuko n'umwuga by'umukoresha, aho atuye n'izina ry'ikigo;	1° names, date of birth, the employer's profession, his/her place of residence and corporate name of the enterprise;	1° les noms, prénoms, date de naissance, profession, domicile du maître et la raison sociale de l'entreprise;
2° amazina, itariki y'amavuko by'uwitoza, n'aho atuye;	2° the apprentice's names, date of birth and place of residence;	2° les noms, prénoms, date de naissance et domicile de l'apprenti;
3° amazina n'umwuga by'ababyeyi b'uwitoza, iby'umwishingizi we cyangwa iby'undi muntu umurera wabihereye uruhushya n'ababyeyi cyangwa n'urukiko rubifitiye ububasha, n'aho batuye;	3° names, profession and place of residence of the apprentice's parents, or his/her guardian or person authorized by the parents or by a competent jurisdiction;	3° les noms, prénoms, date de naissance et domicile de ses parents, de son tuteur ou de la personne autorisée par les parents ou par le tribunal compétent;
4° itariki n'igihe amasezerano amara;	4° date and duration of the contract;	4° la date et la durée du contrat;
5° uburyo bwo guhamba uwiga, n'uburyo bwo kumufungurira no kumuha icumbi iyo bishoboka ;	5° conditions of pay, of food and accommodation for the apprentice where and if possible;	5° les conditions de rémunération, de restauration et de logement de l'apprenti éventuellement;
6° kugaragaza umwuga uzigishwa uwitoza umurimo; bishobotse hakagaragazwa inyigisho z'imyuga umukoresha yemeye guha umwiga, byaba mu kigo cyangwa hanze yacyo.	6° indication of the profession that will be taught to the apprentice, eventually the indication of professional courses which the head of establishment commits himself/herself to make the apprentice attend, either within the establishment or outside.	6° l'indication de la profession qui sera enseignée à l'apprenti et, éventuellement, l'indication des cours professionnels que le chef d'établissement s'engage à faire suivre l'apprenti dans ou en dehors de l'établissement.

UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'UTOZA N'UTOZWA UMURIMO

Ingingo ya 6: Inshingano z'utoza umurimo

Kugira ngo umukoresha yakire kandi yigishe abitoza umurimo, agomba kuba ubwe abifitemo ubumenyi kugira ngo ashobore gutanga inyigisho nyazo, cyangwa akaba yashobora kuzishinga undi muntu akoresha uzifitemo ubuhanga.

Ikigo cyitorezwamo umurimo kigomba kandi kugira ibyangombwa bihagije, utozwa agahabwa inyigisho ku buryo bumwongerera ubumenyi kandi bwuzuye, hagamijwe kumuhugurira umwuga azakora.

Mu gihe uwitoza umurimo arwaye, abuze ku murimo cyangwa hagize ikindi kiba gisaba ko hakwitabazwa ababyeyi be cyangwa ababahagarariye, utoza umurimo agomba kwihutira kubibamenyeshya.

Ingingo ya 7 : Ubushobozi bw'uwitoza umurimo

Utoza umurimo akoresha uwitoza akurikije imbaraga ze n'imirimo ihuye n'umwuga yimirije imbere.

Ingingo ya 8 : Uko uwitoza umurimo afatwa

Utoza umurimo agomba gufata kibyezi uwitoza, kandi byaba bishoboka akamufasha kubaho amugenera ifunguro n'icumbi.

CHAPTER II: MASTER'S AND APPRENTICE'S OBLIGATIONS

Article 6: Master's obligation

To have and train an apprentice, the employer must himself/herself be qualified to give an appropriate training, or be in a position to make this training be given by another person who is at his/her service and has the required qualities.

In addition, the enterprise must meet necessary conditions to carry out, through a progressive and complete training, the apprentice's appropriate preparation to the profession he/she is preparing himself/herself to.

The master shall promptly inform the apprentice's parents or their representatives in case of sickness, absence or any fact likely to require their intervention.

Article 7: Apprentice capabilities

The apprentice shall be given tasks by his master that is within the limits of his/her physical capabilities and professional training.

Article 8: Treatment of the apprentice

The apprenticeship master must treat the apprentice as a good parent and secure for him/her, where possible, the best conditions of

CHAPITRE II: OBLIGATIONS DU MAITRE ET DE L'APPRENTI

Article 6 : Obligations du maître

Pour recevoir et former un apprenti, l'employeur doit lui-même être qualifié pour donner une formation appropriée ou être en mesure de faire donner cette formation par une autre personne à son service ayant les qualifications requises.

L'établissement doit aussi répondre aux conditions nécessaires pour assurer un enseignement progressif et complet à travers une préparation adéquate de l'apprenti au métier auquel il se destine.

Le maître prévient sans retard les parents de l'apprenti ou leurs représentants en cas de maladie, d'absence ou de tout fait de nature à motiver leur intervention.

Article 7: Capacité de l'apprenti

Le maître d'apprentissage n'emploie l'apprenti que dans la mesure de ses forces et aux travaux et services en rapport avec l'exercice de la profession.

Article 8: Traitement de l'apprenti

Le maître d'apprentissage doit traiter l'apprenti en bon père de famille et, lorsque c'est possible, lui procurer la nourriture et le logement.

food and accommodation.

Iyo uwitoza akeneye ubundi bumenyi, umutoza asabwa kumuha igihe bumvikanyeho kugira ngo abyige. icyo gihe gihabwa uwitoza hakurikijwe ubwumvikane bw'abagiranye amasezerano.

Where the apprentice needs further training, the master must grant him/her the required time to acquire this training. That time shall be devolved to the apprentice in accordance with an agreement between both parties.

Si l'apprenti a besoin d'autres connaissances, le maître est tenu de lui accorder le temps nécessaire pour son instruction. Ce temps est dévolu à l'apprenti selon un accord entre les deux parties.

Ingingo ya 9: Kubahiriza amasezerano yo kwitoza umurimo

Utoza agomba kwigisha uwitoza umurimo, ku buryo bwunguruza kandi bunoze umwuga cyangwa undi murimo wihariye nk'uko bikubiye mu masezerano yo kwitoza umurimo.

Article 9: Compliance with the apprenticeship contract

The master must train the apprentice, progressively and fully, a profession or other special occupation making up the subject of the apprenticeship contract.

Article 9: Respect du contrat d'apprentissage

Le maître doit enseigner à l'apprenti, progressivement et complètement, le métier ou la profession spéciale qui fait l'objet du contrat d'apprentissage.

Iyo itoza rirangiye, umutoza aha uwitoje icyemezo cyerekana ko yatunganyije ibyari bikubiye mu masezerano yabo.

He/she shall issue to him/her, at the end of his/her apprenticeship, a certificate ascertaining that the contract was effectively carried out.

A la fin de son apprentissage, le maître délivre à l'apprenti un certificat constatant l'exécution des obligations prévues au contrat.

Ingingo ya 10: Inshingano z'uwitoza umurimo

Uwitoza umurimo agomba kumvira no kubaha umutoza we igihe bagifitanye amasezerano yo kwitoza. Agomba kumufasha mu kazi ke akurikije ubushobozi bwe n'imbaraga ze.

Article 10: Obligations of the apprentice

The apprentice owes his/her master, within the framework of apprenticeship, obedience and respect. He/she must help him/her through his/her work within the limit of his/her abilities and strength.

Article 10: Obligations de l'apprenti

L'apprenti doit à son maître, dans le cadre de l'apprentissage, obéissance et respect. Il doit l'aider dans son travail dans les limites de ses aptitudes et de ses forces.

Uwitoza agomba:

The apprentice shall:

L'apprenti doit :

1° gutafa neza ibikoresho yahawe no kubisubiza igihe cyose ukwitoza birangiye;

1° keep in good conditions equipment given to him/her and give them back to the employer at the time the training is completed;

1° garder en bon état le matériel qui lui a été confié et le restituer chaque à la fin de sa formation ;

2° kugira ibanga ry'akazi mu gihe cyose akikarimo

2° keep professional secret all time of

2° garder le secret professionnel pendant tout

ndetse niyo kwitoza birangiye;

apprenticeship contract and even after the training;

le temps de son apprentissage et même après la formation ;

3° kwirinda ibishobora guhungabanya umutekano we, uw'abo bakorana n'uw'abandi bahagenda igihe cyose.

3° abstain from all that might threaten his/her security or that of his/her companions or third party.

3° s'abstenir de tout ce qui pourrait nuire soit à sa propre sécurité soit à celle de ses compagnons ou tiers.

Ingingo ya 11: Igihembo cy'uwitoza umurimo

Article 11: Apprentice remuneration

Article 11: Rémunération de l'apprenti

Mu gihe cy'itwaza, uwitoza, nyuma y'amezi atandatu (6) ashobora guhabwa amafaranga yo kumufasha buri kwezi yumvikanyweho hagati y'uwitoza umurimo n'utoza, ababyeyi cyangwa abahagarariye uwitoza n'utoza.

After six (6) months of apprenticeship, the apprentice may get a monthly allowance which has been agreed upon by both parties, the apprentice's parents or the representatives of the apprentice and master.

A la fin des six (6) premiers mois, l'apprenti peut percevoir une facilitée mensuelle convenue entre l'apprenti ou ses parents et le maître d'apprentissage ou entre les représentants de l'apprenti et de son maître.

UMUTWE WA III: ISESWA N'IRANGIRA BY'AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO

CHAPTER III: TERMINATION AND CANCELLATION OF APPRENTICESHIP CONTRACT

CHAPITRE III: RSILIATION ET FIN DU CONTRAT D'APPRENTISSAGE

Ingingo ya 12: Iseswa ry'amasezerano nta nkomyi

Article 12: Lawful expiry

Article 12: Résiliation de plein droit

Iseswa ry'amasezerano yo kwitoza umurimo ribaho nta nkomyi iyo :

Termination of an apprenticeship contract shall intervene lawfully within the following cases:

La résiliation du contrat d'apprentissage intervient de plein droit dans les cas suivants :

1° umwe mu bayagiranye apfuye cyangwa iyo ikigo gifunzwe;

1° death of the master or the apprentice or closure of the enterprise;

1° décès du maître ou de l'apprenti, ou fermeture de l'établissement;

2° utoza cyangwa utozwa umurimo bahamagariwe imirimo y'igihugu cyangwa habayeho impamvu zidasanzwe zidaturutse kuri umwe muri bo;

2° employment by either of the parties as a result of patriotic commitment or due to circumstances independent to their will;

2° rappel du maître ou de l'apprenti au service civique national ou suite aux circonstances indépendantes de leur volonté;

3° ku bushake bw'impane zombi.

3° at the wish of both parties.

3° accord des deux parties.

Ingingo ya 13 : Impamvu zo gusesa amasezerano yo kwitoza umurimo

Amasezerano yo kwitoza umurimo ashobora guseswa bisabwe n'umwe mu bayagiranye iyo:

- 1° undi atubahirije ibiyakubiyemo cyangwa ibikubiye mu ngingo z'iri teka zirebana n'imikorere y'umurimo wo kwitoza ;
- 2° undi afite imyifatire mibi;
- 3° undi akoze ikosa rikomeye;
- 4° habaye itangwa ry'ikigo cyitorezwagamo cyangwa ihagarikwa burundu ry'akazi k'umutoza;
- 5° uwitoza umurimo yamennye amabanga y'akazi;
- 6° umurimo wo kwitoza udashobora gukomeza mu gihe kirenze amezi atandatu (6) kubera impamvu z'uburwayi.

Ingingo ya 14: Irangira ry'amasezerano yo kwitoza umurimo

Amasezerano yo kwitoza umurimo arangira iyo igihe cyateganijwe ko akorwa gishize, keretse habonetse impamvu yumvikana cyangwa ku bwumvikane bw'abayagiranye.

Ariko mu mezi atandatu (6) ya mbere yo kwitoza afatwa nk'igihe cy'igeragezwa, amasezerano

Article 13: Causes of termination of the apprenticeship contract

The apprenticeship contract may be cancelled at the instance of either party in the event of:

- 1° either party contravenes the terms of the contract or to provisions of this Order relating to apprentices' working conditions;
- 2° either party shows misconduct;
- 3° either party commits serious mistake;
- 4° sale or winding up of enterprise by the master or permanent cessation of his/her duties;
- 5° disclosure by the apprentice of a professional confidentiality;
- 6° disease leading to impossibility to carry on with apprenticeship for a period more than six (6) months.

Article 14: Expiry of the apprenticeship contract

Except upon justifiable reasons or agreement between both parties, the apprenticeship contract shall terminate at the expiry of the contract duration.

However, the first six (6) months of apprenticeship shall be regarded as a probation

Article 13: Causes de résiliation du contrat d'apprentissage

Le contrat d'apprentissage peut être résilié par l'une des parties en cas de :

- 1° violation par l'autre partie des clauses du contrat d'apprentissage ou des dispositions du présent arrêté relatives aux conditions de travail de l'apprenti;
- 2° inconduite de l'autre partie;
- 3° faute lourde dans le chef de l'autre partie;
- 4° cession du fonds ou cessation définitive des activités du maître ;
- 5° violation par l'apprenti du secret professionnel;
- 6° maladie entraînant l'impossibilité de poursuivre l'apprentissage pour une durée supérieure à six (6) mois.

Article 14: Fin du contrat d'apprentissage

Sauf pour motif légitime ou par accord des parties, le contrat d'apprentissage prend fin à l'expiration de la durée prévue au contrat.

Toutefois les six (6) premiers mois de l'apprentissage sont considérés comme période

ashobora guseswa ku bushake bw'umwe mu bayagiranye.

Ingingo ya 15 : Indishyi

Iseswa n'irangira ry'amasezerano yo kwitoza umurimo ridashingiye ku mpamvu zivugwa mu ingingo ya 12, 13 na 14 z'iri teka rituma hakwa indishyi mu rukiko.

UMUTWE WA IV: UBURYO BW'IGENZURA RY'AMASEZERANO YO KWITOZA UMURIMO

Ingingo ya 16: Agatabo ko kwitoza umurimo

Uwitoza umurimo wese agenerwa agatabo k'ukwitoza gashyirwaho n'utoza, kerekana uko uwitoza atera imbere mu nyigisho ahabwa. Ako gatabo kagomba guhora gateguye, kakerekwa Umugenzuzi w'Umurimo iyo abisabye. Kandikwamo kandi igihe amasezerano yo kwitoza umurimo yashyiriweho umukono n'itariki azarangiriraho.

Iyo ayo masezerano yo kwitoza arangiye, umwimerere w'ako gatabo ugomba guhabwa uwitozaga.

Ingingo ya 17: Isuzuma ry'uwitoza umurimo

Iyo uwitoza umurimo arangiye igihe cyo kwitoza, akoreshwa ikizamini kandi agahabwa impamyabumenyi n'ikigo cya Leta gifite imyuga mu

period during which the contract may be terminated upon the will of either party.

Article 15: Indemnities

Any breach of an apprenticeship contract for reasons other than those provided for in Articles 12, 13 and 14 of this Order shall give right to damages in courts.

CHAPTER IV: CONTROL MEASURES FOR AN APPRENTICESHIP CONTRACT

Article 16: Apprenticeship file

An apprenticeship file is opened by the master for each apprentice. It mentions the apprentice's progress in the course of training; it must be updated and presented to the labor Inspector upon request. It also mentions the date on which the contract was signed and the date of its termination.

When the contract period expires, it shall be compulsory to hand over to the apprentice the original of the above file.

Article 17: Apprentice evaluation

An apprentice whose apprenticeship period has expired shall be examined and given a certificate by the Government body in charge of vocational

d'essai pendant laquelle le contrat peut être résilié par la volonté de l'une des parties.

Article 15 : Dommages et intérêts

La résiliation du contrat d'apprentissage pour des motifs autres que ceux prévus aux articles 12, 13 et 14 du présent arrêté ouvre droit à des dommages intérêts devant les cours et tribunaux.

CHAPITRE IV: MESURES DE CONTROLE DU CONTRAT D'APPRENTISSAGE

Article 16: Carnet d'apprentissage

Il est ouvert par le maître pour chaque apprenti un carnet d'apprentissage mentionnant ses progrès dans la formation. Ce carnet doit être tenu à jour et présenté à l'Inspecteur du Travail à sa demande. Mention y est également faite de la date de signature du contrat de la date de fin du contrat d'apprentissage.

A l'expiration du contrat d'apprentissage, l'original du carnet est obligatoirement remis à l'apprenti.

Article 17: Evaluation de l'apprenti

L'apprenti dont le temps d'apprentissage est terminé subit un examen organisé par l'organisme gouvernemental en charge de la

nshingano zacyo.

training.

formation professionnelle qui lui délivre un certificat à l'issue dudit examen.

UMUTWE WA V: KWIMENYEREZA AKAZI MU KIGO

CHAPTER V : PRACTICAL INTERNSHIP IN THE ENTERPRISE

CHAPTER V : STAGE PRATIQUE EN ENTREPRISE

Ingingo ya 18: Uburyo bw'imikorere ku wimenyereza

Article 18: Working conditions for the intern

Article 18: Conditions d'exercice pour le stagiaire

Ikigo kigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo uwimenyereza akazi akorere mu buryo bwiza mu rwego n'akazi bijyanye n'ibyo yize.

The enterprise shall ensure that the intern carries out his/her internship in most favorable conditions, in the section and department that corresponds to his/her area of study.

L'entreprise veille à ce que le stagiaire effectue son stage pratique dans les meilleures conditions, dans la section et la fonction qui correspondent aux études faites.

Uretse gufashwa n'umuyobozi ushinze ukwimenyereza, uwimenyereza ahabwa umukozi w'ikigo umuyobora mu byo akora hakurikijwe uburamba afite mu kazi.

Notwithstanding the potential presence of the internship director, the intern shall be guided by a member of staff appointed on the basis of his/her experience.

Nonobstant la présence éventuelle d'un maître de stage, le stagiaire est guidé par un membre du personnel désigné en raison de son expérience.

Ingingo ya 19: Amategeko y'imyitwarire y'uwimenyereza

Article 19: Intern's rules of conduct

Article 19: Règles de conduite du stagiaire

Uwimenyereza akazi asabwa gukurikiza amategeko n'ibindi bisabwa ku kazi kimwe n'abandi bakozi. Afite kandi inshingano zivugwa mu ngingo ya 10 y'iri teka.

The intern shall be required to abide by the regulations and other working conditions as any other employees of the enterprise. He/she also has the obligations stipulated in Article 10 of this Order.

Le stagiaire est tenu de se conformer à la réglementation et aux autres conditions de travail tout comme le personnel de l'entreprise. Il a aussi les obligations mentionnées à l'article 10 du présent arrêté.

Ingingo ya 20: Ibigenerwa uwimenyereza

Article 20: Internship indemnities

Article 20: Indemnités de stage pratique

Uwimenyereza akazi ashobora guhabwa uburyo bumufasha bwumvikanyweho hagati y'uwimenyereza n'ikigo kimumenyereza.

The intern may be entitled to an internship allowance and the means to achieve his/her work agreed upon by both the intern and his/her hosting institution.

Le stagiaire peut bénéficier d'une indemnité de stage convenue entre le stagiaire et l'entreprise.

Ku bwumvikane bw'impande zombi no kubera

Upon agreement between two parties in the

Sur accord des deux parties, et pour des raisons

imiterere y'ubumenyi uwimenyereza akeneye guhabwa, uwimenyereza ashobora kwishyura umumenyereza.

contract of internship, and due to the nature of skills to be given, the intern may pay the hosting institution.

des connaissances à donner, le stagiaire peut payer l'institution d'accueil.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 21: Repealing provision

Article 21: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 22: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 22: Commencement

Article 22: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 07/03/2011

Kigali, on 07/03/2011

Kigali, le 07/03/2011

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)

MUREKEZI Anastase

Minister of Public Service and Labour

(sé)

MUREKEZI Anastase

Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic :

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice /Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/22 RYO
KUWA 07/03/2011 RIGENA AMABWIRIZA
YO KWANDIKWA MURI REJISITIRI
KW'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO
N'ABABYAZA

MINISTERIAL ORDER N° 20/22 OF
07/03/2011 DETERMINING THE
REGULATIONS FOR REGISTRATION OF
NURSES AND MIDWIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 20/22 DU
07/03/2011 DETERMINANT LA
REGLEMENTATION DE
L'ENREGISTREMENT DES
INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET
DES SAGES FEMMES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLES DE MATIERES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Object du présent arrêté

Ingingo ya 2: Impamvu yo kwandikwa muri
rejisitiri

Article 2: Purpose of registration

Article 2 : Objectif de l'enregistrement

Ingingo ya 3: Imiterere n'ibyandikwa muli
rejisitiri

Article 3: Nature, structure and content of the
register

Article 3: Nature, structure et contenu du
registre

Ingingo ya 4: Gusaba kwandikwa muri
rejisitiri

Article 4: Application for registration

Article 4: Demande d'inscription au registre

Ingingo ya 5: Kwemererwa kwandikwa muri
rejisitiri

Article 5: Acceptance for registration

Article 5: Acceptation d'enregistrement

Ingingo ya 6: Guhakanirwa kwandikwa muri
rejisitiri

Article 6: Refusal of registration

Article 6: Refus d'enregistrement

Ingingo ya 7: Uburenganzira kubyanditswe no
guhindura ibiri muriojisitiri

Article 7: Access to register and modifications

Article 7: Accès au registre et modifications

Ingingo ya 8: Guhagarikwa no guhanagurwa muri
rejisitiri

Article 8: Suspension and removal from the
register

Article 8: Suspension et radiation du registre

Ingingo 9: Gusubizwa muriojisitiri

Article 9: Reinstatement to the register

Article 9 : Réinscription au registre

Ingingo ya 10: Isuzuma ry'impamyabushobozi

Article 10: Verification of qualifications

Article 10: Vérification des qualifications

Ingingo ya 11 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 11: Repealing provision

Article 11: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 12: Commencement

Article 12: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/22 RYO KUWA 07/03/2011 RIGENA AMABWIRIZA YO KWANDIKWA MURI REJISITIRI KW'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA

MINISTERIAL ORDER N° 20/22 OF 07/03/2011 DETERMINING THE REGULATIONS FOR REGISTRATION OF NURSES AND MIDWIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 20/22 DU 07/03/2011 DETERMINANT LA REGLEMENTATION DE L'ENREGISTREMENT DES INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET DES SAGES FEMMES

Minisitiri w'Ubuzima,

The Minister of Health,

Le Ministre de la Santé,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in its Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 18, iya 19, iya 20, iya 21, iya 22, iya 23, iya 24 n'ya 25;

Pursuant to the Law n° 25/2008 of 25/07/2008 Establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and Competence, especially in Articles, 18, 19, 20, 21, 22, 23, 24 and 25;

Vu la Loi n° 25/2008 du 25/07/2008 portant création, organisation, fonctionnement et compétence du Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages-femmes, spécialement en ses articles, 18, 19, 20, 21, 22, 23, 24 et 25;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/07/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet in its session of 09/07/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 09/07/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena iyandikwa ry'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza muri rejisitiri y'Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza, yitwa Inama y'Igihugu mu ngingo zikurikira.

This Order determines regulations for registration of nurses and midwives by the National Council of Nurses and midwives, called National Council in the following articles.

Le présent arrêté détermine la réglementation d'inscription au registre des infirmières, infirmiers et sages femmes par le Conseil National des Infirmières, des Infirmiers et des Sages Femmes, appelé Conseil National dans les articles qui suivent.

Ingingo ya 2 : Impamvu yo kwandikwa muri rejisitiri

Impamvu y'ingenzi yo kwandikwa muri rejisitiri ni ukugirango habeho umutekano, ubuziranenge n'imikorere myiza iganisha ku ntego y'Inama y'Igihugu.

Ingingo ya 3 : Imiterere n'ibyandikwa muri rejisitiri

Rejisitiri iteye mu buryo bubiri bukurikira:

- 1° Rejisitiri yo mu byuma kabuhariwe ;
- 2° Rejisitiri y'igitabo.

Rejisitiri igizwe n' ibice bibiri by'ingenzi:

- 1° Igice kigenewe abafomokazi, abafomomo n'ababyaza banditse;
- 2° Igice kigenewe abafomokazi, abafomomo n'ababyaza bungirije.

Muri rejisitiri handikwamo ibi bukurikira:

- 1° amazina yose;
